PARTY FOR DEMOCRACY IN RWANDA (PDR)-IHUMURE

Peace, Justice and Development

ICYO PDR-IHUMURE IVUGA KU IJAMBO KAGAME YARAYE AGEJEJE KU BANYARWANDA

01 Mutarama 2016

Mu ijambo risoza umwaka rikanatangira undi, Perezida Kagame yavuzemo ibintu byinshi bidasobanutse ndetse n'ibindi bitatunguranye. Ishyaka ryanyu PDR-IHUMURE ryifuje kugira icyo ribivugaho.

Yateruye agira ati umwaka wa 2016 uzabere Abanyarwanda uw'ibyiza byose bifuza harimo n'iterambere. Aha tukaba tugira tuti iyo avuga iterambere ku Banyarwanda, aba abashinyagurira, kuko iyo usesenguye zimwe muri gahunda (policies) ze usanga zitagamije guteza imbere Abaturarwanda. Zimwe mu ngero ni nko kwaka imisoro y'umurengera, kwikubira ubutunzi bwose bw'igihugu we n'agatsiko ke k'abasajya, kudateza imbere uburezi, kwima Abanyarwanda uburenganzira bwabo n'ibindi n'ibindi, bidashobora gutuma abaturage batera imbere.

Kagame arongera ati "ubumwe bw'Abanyarwanda burakomeye, ntibujegajega". Aha Kagame aratanga urwenya, kandi twamubwira ko icyo yemerewe ari ukwibeshya, ariko kubeshya Abanyarwanda ndetse n'amahanga ntituzabimwemerera. Ubumwe mu Banyarwanda bwashoboka bute mu gihe:

- Impande zombi zahemukiranye zitigeze zicarana ngo ziganire ku byabaye ku buryo butabogamye?
- Ubutegetsi bw'agatsiko bwubakiye ku kinyoma cyo kubeshya no kubeshyera abo kadashaka?
- Agatsiko gakoresha genocide kateguye, kakabeshyera abandi Banyarwanda ngo kabone kubatoteza no kwikomeza ku butegetsi?
- Abayobozi bakuru ba gisilikali bose bava mu gatsiko?
- Abayobozi bakuru b'igihugu ku nzego zose biganjemo abo mu gatsiko k'abasajya?
- Abanyarwanda boherezwa kwiga mu mahanga hafi ya bose bava mu miryango ifitanye amasano n'agatsiko cyangwa abatanze ruswa?
- Imyanya yo mu gihugu irimo amafaranga itangwa hakurikije ikimenyane cyangwa ruswa?

- Za ambassade zikomeye zihabwa abantu bo mu gatsiko gusa?

Niba ubumwe bushoboka mu gihe ibintu bimeze bitya, Kagame we n'agatsiko ke ni bo bonyine babisobanura, uretse ko nta n'igitangaje, kuko basanzwe bumva ibintu ku buryo butandukanye n'abandi. Ngo kubaka igihugu birihuta. Kubaka igihugu bivuga iki? Ese byaba bivuga cyangwa bisobanurwa n'igaragara ry'amazu atagira icyo akorerwamo? Cyangwa n'amazu y'agatsiko, mu gihe rubanda yicwa n'inzara? Ese kubaka igihugu ni ukugira impunzi nyinshi zihora zihunga igihugu? Cyangwa ni ukwima abaturage uburenganzira bwabo? Kubaka igihugu se ni ukugihezamo bamwe, no kugira abandi ibigirwamana? Aha Kagame yagombye gutanga ibisobanuro byanyura abantu uko yumva kubaka igihugu.

Kagame arongera ngo Abanyarwanda basabye ko itegeko-nshinga rivugururwa. Iyi ni imvugo ndetse n'amayeli - ariko ashaje - y'abanyagitugu bose badashaka kurekura ubutegetsi. Abanyarwanda bagizwe ibikange kuva Kagame na FPR bafata ubutegetsi, ku buryo ibintu byose bashatse babikora bitwaje ko byasabwe n'abaturage, nyamara mu by'ukuri ari ugushaka kw'agatsiko. None se niba harahinduwe itegeko-nshinga ngo yongere yiyamamaze, iyo yanga ko rihindurwa, abaturage bari kumutwara iki ko nta tegeko yari kuba yishe? Ahubwo yahisemo gukoresha referendum ififitse, Abanyarwanda batanasobanuriwe ibyayo.

Ngo ibyavuyemo bifite uburemere ku buryo nta kuntu atabyemera, ngo kuko Abanyarwanda bagaragaje icyo bifuza kuri ejo hazaza. Ese ejo hazaza h'u Rwanda, hashoboka gusa ari uko Kagame ari ku butegetsi? Cyangwa ni urwitwazo muri gahinda ze zo kugundira ubutegetsi kugeza apfuye? Aha Kagame aribeshya cyane, kuko Abanyarwanda bakunda igihugu kandi b'intwali bahari kandi bakaba batazamwemerera ko ashyira izi gahunda ze mu bikorwa. Nyamara rero muri iyi disikuru ye, Kagame arivuguruza avuga ngo ntibagamije gushaka umuyobozi w'igihugu uzakomeza ubuziraherezo. None se ko atavaho ko mandat ye irangiye? None se ko adatanga urugero cyangwa ngo ace iryo teka? Keretse niba ashaka ko ubwo buziraherezo ari we wenyine buzarangiriraho, noneho nyuma ye abandi bakajya bavaho uko amategeko abiteganya.

Ngo inshingano za Perezida zizagera ubwo zahererekanywa. Icyo gihe ni ryari? Kubera iki atari muri 2017 aho yagombye kuzihereza undi? Ngo ku buryo bizagira akamaro n'impamvu birenze kuba urugero gusa. Aha umuntu yakwibaza niba hari igihe guherererekanya ubutegetsi muri demokarasi bitagize akamaro. Ibisobanuro bifatika atanga ko kubugundira bifite akamaro ni ibihe? Kuki se nta we yaba yarateguye ngo babuherererekanye yizeye ko iryo herererekanya rizagira akamaro aho kuba urugero gusa? Kandi ngo iryo herererekanywa rigomba kugira akamaro n'impamvu kuri twebwe ndetse n'abandi. Ba twebwe ni bande? Abandi se bo ni ba nde?

Ngo yifuza ko bakomeza mu nzira yo guhindura igihugu. Kubera iki yumva ko iyo nzira ishoboka ari uko ari we uri imbere? Ese iyo nzira yayitangiye cyangwa yayiharuye wenyine? Nyamara arenga kuri ibi bibazo akemeza ko ejo h'u Rwanda hatanga icyizere. Aribeshya, kuko ahubwo biganisha ku isamburwa ry'ibyagezweho.

Kagame ati n'abanenga kubera kutumva ibyo bakora, cyangwa se kudashaka kumva, ngo byaba intangiriro y'ibiganiro bituma amaherezo bumvikana. Aha arashaka kuvuga iki? Abo ashaka kuvuga ko batamwumva ariko yagirana na bo ibiganiro ni ba nde? Ese ubundi ajya yibaza impamvu batamwumva ndetse n'amahanga akaba yarahagurukiye gutera mu ry'abo batamwumva? Ibiganiro ashaka kuvuga ni bwoko ki? Ese yaba atangiye gushaka kumva ukuri? Byaba ibyo se akaba yatangaje ko azafata mandat ya gatatu? Aha yagombye gutanga ibisobanuro birushijeho.

Nyuma Kagame yakoresheje ijambo ryiza ryo "kumvikana" ndetse n'iryo "kubahana". Dukurikije uko tumuzi, aya magambo yombi agomba kuba yaramucitse, cyangwa se bakaba bamuteguriye disikuru akayivuga atabanje kuyisoma. Ku rundi ruhande se yaba ashaka gushimangira ibyo yavuze hejuru ngo byo "kuganira"? Kuko birazwi ko ubwumvikane yabwanze cyera, ubwo yakomezaga imirwano mu gihe imishyikirano yabaga irimo Arusha, ndetse no kugeza ubwo amasezerano yasinywe ariko we akanga ibyayavuyemo agamije kwikubira ubutegetsi bwose. Kubahana byo bimuri kure nk'izuba, kuko twese tuzi uko asuzugura abantu; baba abanyamahanga, Abanyarwanda bo akaba yarabogeyeho uburimiro. Tuzi ukuntu afungira abantu ubusa, atuka abantu yibwira ko ari we munyabwenge wenyine. Erega na ziriya ntambara ahora ashora ntizimugira umuntu wubaha abandi!!!

Iri jambo rero rirerekana ko Kagame ahangayitse, rikaba ryabera umusemburo abatavuga rumwe na we. Abaterankunga n'abafatanyabikorwa ntibifuza abigira ibihangage bagundira ubutegetsi, bakabuvaho igihe bashakiye cyangwa bapfuye. Kagame niyumve ko abafite ubushobozi bwo gutegeka igihugu ari benshi, areke gukora ibikorwa bizagirira u Rwanda ingaruka mbi. Turamusaba rero ko muri uyu mwaka wa 2016, yashyira ubwenge ku gihe, maze ukazarangira avuga yivuguruza ko atazakomeza gutegeka nyuma y'uko mandat ye ya 2 irangiye.

Twongeye no kuboneraho akanya ko twifuriza Abanyarwanda Ihumure, no kubashishikariza gukomeza gutera intambwe ijya imbere mu rugamba rwo kwigobotora ingoma ya Kagame na FPR muri uyu mwaka mushya.

JB. Ngarambe

Visi Perezida wa mbere akaba n'umuvugizi wa PDR-Ihumure